# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024 Tariki 17-19 Gicurasi




## P.1 Handball : Ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Handball :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5

P2 **Netball :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

P2 **Rugby :** Lions de Fer na Resilience RFC zageze ku mukino wa nyuma

P3 **Volleyball :** Habaye imikino ya "Playoffs 2024"

P4 **Cricket :** Indatwa Hampshire yegukanye "Dafabet RCA T20 Women's League 2024"

P4 **Badminton :** Habaye irushanwa ryahuje abakinnyi 112

P5 **Sitting Volleyball :** Gasabo na Bugesera zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P6 **Table Tennis :** u Rwanda rwakiriye imikino y'Afurika ku nshuro ya mbere

# 1 **Handball :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe cy'Akarere ka 5

Tariki 13 kugeza 17 Gicurasi muri Ethiopia habereye imikino y'Akarere ka 5 mu mukino wa Handball mu batarengeje imyaka 18 na 20 mu bahungu "Zone 5 Men's Youth and Junior Tournaments of the IHF Trophy Africa 2024".

Mu batarengeje imyaka 20 hari hitabiriye amakipe 8, ikipe y'u Rwanda yitwaye neza yegukana igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Uganda ibitego 26 kuri 25 naho Ethiopia yegukana umwanya wa 3 itsinze u Burundi ibitego 44 kuri 38.

**Uko amakipe yakurikiranye (U-20)**

**1.** Rwanda
**2.** Uganda
**3.** Ethiopia
**4.** Burundi
**5.** Kenya
**6.** Tanzania
**7.** Somalia
**8.** Djibouti

Mu batarengeje imyaka 18, ikipe ya Ethiopia yegukanye igikombe itsinze u Rwanda ibitego 36 kuri 25 naho ku mwanya wa 3, u Burundi butsinda Kenya ibitego 34 kuri 30.

**Uko amakipe yakurikiranye (U-18)**

**1.** Ethiopia
**2.** Rwanda
**3.** Burundi
**4.** Kenya
**5.** Tanzania
**6.** Djibouti

Ikipe y'u Rwanda U-20 na Ethiopia U-18 zikana zarabonye itike yo kuzaserukira Akarere ka 5 mu mikino y'Afurika "Men's IHF Trophy Africa".











## **Netball :** Habaye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 19 Gicurasi 2024 i Musanze habereye irushanwa ry'umukino wa Netball mu rwego rwo kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iri rushanwa ryahuje ibigo by'amashuri abanza n'ayisumbuye. Mu cyiciro cy'amashuri abanza hitabiriye amakipe 3 aho yakinnye hagati yayo maze ikipe Susa II yegukana igikombe ikurikirwa na GS Kabere naho GS Tero iba iya 3.

Mu bakuru, hitabiriye amakipe 4 ari yo GS Musanze, ES Musanze, St Vincent Muhoza na ES St Marie Adelaide Kamonyi.

Ikipe ya St Vincent Muhoza ni yo yegukanye igikombe itsinze ES Musanze ibitego 20 kuri 11 naho ikipe ya GS Musanze yegukana umwanya wa 3 itsinze ES St Marie Adelaide Kamonyi amanota 15 kuri 04.

Mbere y'iyi mikino, abitabiriye bose basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Musanze.








## **Rugby :** Lions de Fer na Resilience RFC zageze ku mukino wa nyuma

Tariki 18 Gicurasi 2024 , ku Kibuga cya Utexrwa mu Mujyi wa Kigali habereye umukino wa shampiyona ya Rugby wo mu itsinda A aho ikipe ya Lions de Fer RFC Kigali Sharks RFC amanota 18-16.

Nyuma yo gutsinda uyu mukino, Lions de Fer RFC yasoje imikino iyoboye itsinda n'amanota 19, Kigali Sharks RFC (14), Burera Tigers RFC (9), Puma RFC (5) naho Rwamagana Hippos RFC isoreza ku mwanya wa nyuma n'inota 1.

Mu itsinda B, Resilience RFC yasoje ari iya mbere n'amanota 8, ikurikirwa na Gitisi TSS RFC n'amanota 5 mu gihe UR Grizzlies RFC yasoje ifite inota 1.

Umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe uzahuza Lions de Fer RFC na Resilience RFC naho cyiciro cy'abagore, Ruhango Zebras RFC, izakine na Kamonyi Panthers RFC.







# Volleyball : Habaye imikino ya "Playoffs 2024"

Tariki 17 na 18 Gicurasi 2024, muri Ecole Belge ku Gisozi habereye imikino ya "Playoffs 2024" mu mukino wa Volleyball mu cyiciro cy'abagabo n'abagore.

Ikipe ya APR VC na Kepler VC mu bagabo zitwaye neza zigera ku mukino wa nyuma. APR VC yasezereye REG VC iyitsinze imikino 2-0 naho Kepler VC isezerera Police VC iyitsinze imikino 2-0.

Mu bagore, APR VC yasezereye Ruhango VC iyitsinze imikino 2-0 naho Police VC isezerera RRA VC iyitsinze nayo imikino 2-0. Imikino ya nyuma iteganyijwe tariki 24 kugeza 26 Gicurasi 2024.

**Uko imikino yagenze**


**Abagabo**
**Tariki 17-05-2024**
- REG VC **1-3** APR VC (25-23, 20-25, 17-25, 27-29)
- Kepler VC **3-1** Police VC (25-23, 22-25,30-28, 25-17)

**Tariki 18-05-2024**
- APR VC **3-1** REG VC (25-18,27-29, 25-19,25-16)
- Kepler VC **3-0** Police VC (32-30, 25-23, 25-22)

**Abagore**
**Tariki 17-05-2024**
- APR VC **3-0** Ruhango VC (25-16, 25-11, 25-15)
- Police VC **3-2** RRA VC (25-21, 18-25, 13-25, 25-22, 15-12)

**Tariki 18-05-2024**
- APR VC **3-0** Ruhango VC (25-8, 25-14, 25-19)
- RRA VC **0-3** Police VC (24-26, 17-25, 23-25)






## **Cricket :** Indatwa Hampshire yegukanye "Dafabet RCA T2O Women's League 2024"

Tariki 18 Gicurasi 2024 ni bwo hasojwe irushanwa "Dafabet RCA T2O Women's League 2024" aho ikipe ya Indatwa Hampshire CC yegukanye igikombe.

Iri rushanwa rihuza amakipe 5 y'icyiciro cya mbere mu mukino wa Cricket mu bagore ryari ryatangiye tariki 23 Werurwe 2023.

Amakipe yari yitabiriye ari yo Indatwa Hampshire, Gahanga Queens, Charity CC, Muhanga Zebras CC na Sorwathe CC yakinnye hagati yayo hanyuma 4 ya mbere akina imikino ya ½ ayitwaye neza akomeza ku mukino wa nyuma.

Muri ½, ikipe ya Indatwa Hampshire yatsinze Muhanga Zebras CC naho Charity CC itsinda Gahanga Queens.

Ku mukino wa nyuma , Indatwa Hampshire yatsinze Charity CC ku kinyuranyo cy'amanota 40 ku kinyuranyo cy'amanota 40 (129-89).







## **Badminton :** Habaye irushanwa ryahuje abakinnyi 112

Tariki 18 Gicurasi 2024 muri Maison des Jeunes Kimisagara mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa "Tournoi de l'Amitié Franco-Rwandaise" aho ryitabiriwe n'abakinnyi 112 barimo n'abanyamahanga.

Iri rushanwa ryari ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Badminton mu Rwanda "RBSF" hagamijwe gushimangira umubano w'iri shyiraamwe na Ambasade y'u Bufaransa mu Rwanda.

Abakinnyi bitabiriye iri ruushanwa baturutse mu bice byose by'igihugu, harimo abanyeshuri n'abanyamahanga 16 baturutse mu bihugu birimo u Bufaransa, u Buhinde, Pakistan n'u Budage.

Ikipe ya mbere mu bakobwa bakiri bato yari igizwe na Nikuze Emelyne ndetse na Uwayisenga Sandrine aho yatsinze iya Kangabe Jeannette na Ituze Adrienne ku mukino wa nyuma.

Mu bahungu, iyabaye iya mbere ni iya Innocent na Jackson yatsinze iya Bonheur na Kamanayo.

Mu bakuru, Uwihoreye Tufaha na Gashema Christa ni bo babaye aba mbere mu bagore naho mu bagabo, uyu mwanya watwawe n'ikipe y'Abahinde yari igizwe na Dinesh na Rum mu gihe Abanyarwanda bageze kure ari Iradukunda Fabrice na Mungarurire Eden batsindiwe muri ½ .

Mu batarengeje imyaka 20 hatsinze Mukunzi Biose na Ndayishimiye Fabrice mu bahungu.






# **Sitting Volleyball :** Gasabo na Bugesera zegukanye irushanwa ryo Kwibuka




Tariki 18 Gicurasi 2024, ku kibuga cya "Kimironko Sports and Community Space" mu Mujyi wa Kigali habereye irushanwa mu mukino wa Sitting Volleyball mu rwego rwo Kwibuka abari mu muryango mugari wa siporo bishwe muri Jenoside yakorwe Abatutsi mu 1994 "Sitting Volleyball Genocide Memorial Tournament 2024".

Ikipe ya Gasabo mu bagabo na Bugesera mu bagore ni zo zegukanye igikombe.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 4 mu bagabo ari yo Musanze, Gasabo, Rusizi na Gisagara n'andi 4 mu bagore ari yo Musanze, Gicumbi, Bugesera na Nyarugenge.

Mu bagabo, Gasabo yatsinze Musanze naho Rusizi itsinda Gisagara. Ku mukino wa nyuma, Gasabo yatsinze Rusizi amaseti 3-1 (25-17, 23-25, 25-16 na 25-23) naho mu guhatanira umwanya wa 3, Musanze yatsinze Gisagara amaseti 2-0 (25-22 na 25-20).

Mu bagore, ikipe ya Bugesera yatsinze yatsinze Musanze amaseti 3-0 (25-10, 25-15 na 25-16). Mu guhatanira umwanya wa 3, Gicumbi yatsinze Nyarugenge amaseti 2-1 (24-26, 25-18 na 16-14).

Mbere y'iyi mikino, abakinnyi, abatoza ndetse n'abayobozi muri Komite y'igihugu y'imikino y'Abafite ubumuga mu Rwanda "NPC Rwanda" babanje gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali kugira ngo basobanurirwe amateka.












# Table Tennis : u Rwanda rwakiriye imikino y'Afurika ku nshuro ya mbere

Kuva tariki 12 kugeza 17 Gicurasi 2024, muri BK Arena habereye imikino y'Afurika yari igamije gushaka itike y'imikino Olempike 2024 mu mukino wa Table Tennis "2024 ITTF Africa Cup & Paris Olympic Games Qualifiers".

Iyi mikino yari ibereye mu Rwanda ku nshuro ya mbere yitabiriwe n'abakinnyi 50 bari baturutse mu bihugu 15 byo ku mugabane w'Afurika. Muri aba bakinnyi harimo 10 b'Abanyarwanda.



















RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave